GUKOSORA

Guhana biraryana kuko byirukana ikibi mu mutima wacu.

IHAME RY' ICYUMWERU

Gukosora- ni igihano gitangwa ku nyungu zo kwisubiraho, kwikubita agashyi cyangwa kugororoka. Twavuga kandi ko ari ugukuraho ikibi kigasimbuzwa icyiza. Ese ni iki kidutera gukora ibyo dukora? Aha dufite ibintu bine by' ingenzi bidutera gukora:

1. Iyo twumva ari inshingano zacu maze tugashyiraho umwete wo kubikora.
2. Hari ubwo dutinya ingaruka zatugeraho turamutse tutabikoze.
3. Dukunda ndetse tukishimira iyo ibyo dukora byabaye amahire.
4. Tugira intego cyangwa inzozi yuko dushaka kubigeraho.

Ahanini ikidutera umwete kiboneka bwa kabiri: gutinya ingaruka. Si cyo gice cyiza, ariko nicyo gikunze kugaragara. Umukozi usanzwe yirinda gutakaza akazi kiwe. Abandi bakanga akazi bakora, ariko bagakomeza kugakora imyaka n' imyaniko. Gutinya guhomba / gutakaza umutungo wo mu bucuruzi nabyo bitera abacuruzi gukorana umurava ubutitsa. Ndetse n' ingo zirahubangana kubera gutinya konona izina ry' urugo cyangwa se gusesa umutungo. Usibye ko atari bibi kugira ubwoba buringaniye. Dore ko, nta murimo, umuryango cg umuryango mugari dutuyemo ushobora kubaho utabufite. Rimwe muri ubu bwoba budutera kwizerana ndetse no kuzirikana ibitureba. Tubayeho tudatinya ingaruka ntidushobora kuba abizerwa mu gihe havutse ibigeragezo.

Buri kimwe gifite ubuzima cyatojwe kandi cyikambikwa agaciro gisobanukirwa neza imbaraga z' ubwoba icyo ari cyo. Guhana rero abakoze nabi bihashya imyifatire mibi cyangwa ibitekerezo bibi muri twe. Ifarashi, imbwa, intare, abana ndeste n'abantu bakuru bose bagomba kumva neza ihame ryo guhembo icyiza no guhana ikibi. Bityo tudafite akanunu k' ubwoba ntidushobora gukora neza. Gutinya ibihano cyangwa igihombo bitera buri wese na buri kimwe gukurikiza imyifatire runaka idufashsa kunoza umuco w' imyifatire myiza. Iyi myifatire yatojwe rero ihesha agaciro inshingano wiyemeje. Iri kandi ni ihame ryakunzwe kwirengagizwa muri Amerika ya ruguru. Ni nayo mpamvu abana bajyana imbunda kw' ishuri maze ibyaha bikiyongera. Ubwoba bw' igihano ni buke cyane kurenza inyungu bibwira ko bazakura mu bikorwa byabo. Birakomeye rero kuyobora umuryango, umurimo cg se umuryango mugari dutuyemo tutifashishije urutonde rw'amategeko adutera ubwoba. Yego ni byiza ko twakunda kandi tugaha ayo mahame agaciro hamwe n' inyungu bituzanira, ariko kandi tugomba kwiga kutayakurikiza. Buri gikorwa kigira imperekeza .Buri myifatire igira ingaruka. Buri cyiza kigira n' ikibi. Niyo mategeko y' ubuzima, kandi nta numwe wabihindura.

Ubu bwoba bwo gutinya guhanwa ntabwo ari bwo kamara cyangwa bw' ingenzi , ahubwo ntibukorwaho, ndetse n' ingingo ikomeye mu buzima. Bityo nituyakira kare, natwe tuzamererwa neza kera. Gutinya gukosorwa kuko bibabaza biboneka mu ntekerezo zacu. Amategeko agomba kutabogama kandi ahane bikwiye, ariko mu gihe yishwe azakubabaza mu bitekerezo, ku mubiri ndetse no mubukungu. Igihe cyose hari igiciro by' ibyaha.

INYUNGU

1. Dushikama mu mahame kubera ubwoba bwo gukora ikibi.
2. Duterwa ingabo mu bitugu n' ibikorwa byacu maze tukabona uburyo bwiza bw' imikorere bityo tukirinda ibihano.
3. Tuzamurwa mu ntera maze imiryango yacu, imirimo ndetse n' imiryango tubarizwamo ikahungukira. Iri kandi n' itegeko rusange rizwi kw' isi hose.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Shyiraho amategeko agaragara afite ingaruka

Inzira ni mikorere yo
GUKOSORA

zigaragara mu gihe ayo mategeko yishwe.

2. Tangaza amategeko mu buryo bwumvikana; bityo bizagabanya sinamenye cyangwa ubwoba bwa sinamenye. Ibi kandi biha abantu amahirwe yo kwisuzuma.

3. Ujye witegurana ubusobanuro bw' amategeko yawe, kuko abantu bakunda kumenya ikibagenga. Amategeko atagira urukundo atyaza umujinya no kwigomeka iyo adasobanutse neza.

4. Huza igihano n' icyaha cyakozwe. Hozaho iringaniza uzirikana ko abantu batandukanye bakeneye ingaruka ku nzego zitandukanye, dore buri wese asubiza bitandukanye na mugenzi we. Ibi bikunze kugaragara mu bana bato.

Birakomeye kuyobora umuryango cyangwa umurimo udafite amategeko. Tugomba gutinya amategeko ariko kandi tukumva ko amategeko atabareyeho kudufasha twese. Dukeneye kwigisha urukundo, indanga gaciro, hamwe n' inyungu zizana nabyo ariko tugomba kuganza ingaruka bityo zekudushora aho zishaka.

Gukosora bitanga agaciro. Amategeko agomba kunozwa neza kandi mu gihe yishwe atuzanire umubabaro mu buryo bwayo. Mu gihe hatabayeho ibihano amategeko atakaza agaciro.

Mu gihe tugenga tukanayobora abantu, tugomba kubanza tukarema amategeko atanga ingaruka zikomeye mu gihe yishwe maze dusigare tuyimika mu bantu. Ibi rero bizatuma abantu bamenya icyo dushaka nibyo tubifuzamo.

Ibi kandi bibaha urubuga rwo gukora batarenga imbibi zabashiriweho. Buri wese agomba gupimwa hakurukijwe ibyo bipimo, nta gutonesha bamwe ngo abandi babareke.

Iyo ushaka kubyina ni gacye cyane watekereza ko ushobora gukandagira amano ya bagenzi bawe.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ni mpamvu ki twanga gukosorwa?

2. Tekereza urugero rumwe rwakubayeho vuba hano, ese wungutse iki, cyangwa se byahinduye imyifatire yawe?

3. Ese ni iyihe ngingo muri za ngingo enye zakarorero ifasha imikorere yawe neza?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			